Igicumbi – Voix des Rescapés du génocide contre les Tutsi, AISBL
Chaussée de Roodebeek 206
1200 Woluwe-Saint-Lambert
Bruxelles, Belgique
E-mail address : igicumbi21@protonmail.com 12 Mata, 2024
-------------------------------------------------------------

**Ibaruwa ifunguye Ishyirahamwe IGICUMBI- Ijwi ry'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi ryandikiye Perezida Paul Kagame**

Bwana Perezida wa Repubulika y'u Rwanda,

Mu gihe twitegura kwibuka ku nshuro ya 30 abacu bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi, Ishyirahamwe IGICUMBI – Ijwi ry'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi tubandikiye iyi baruwa ifunguye tubasaba guhagarika no gukumira ubwicanyi n'ibindi bikorwa by'urugomo bitandukanye bikunze kwibasira Abacitse ku icumu ry'ayo mahano, bigakorwa mbere gato cyangwa mu gihe cyo kwibuka, bikaba bisa n'ibyagizwe umuco muri iyi myaka 30 jenoside imaze ibaye.

Ubwinshi muri ubwo bwicanyi n'urwo rugomo byagiye bikorwa ku buryo bugaragarira buri wese ko byakozwe n'inzego z'umutekano z'ubutegetsi. Izindi nshuro nyinshi kuba ntacyo ubutegetsi bwakoze ngo bukumire cyangwa bukurikirane ibyo byaha ahubwo bugatoteza imiryango ya ba nyakwigendera cyangwa undi wese ugize icyo abivugaho, bituma twemeza ko ubwo butegetsi buba bubiri inyuma.

Turabasaba kandi kwirinda kongera kugira igihe cyo kwibuka urubuga rw'icengezamatwara rya politiki ya FPR n'umwanya wo gutoteza Abarokotse mushaka gutoteza bikorwa namwe ubwanyu cyangwa n'inzego z'ubutegetsi muyoboye mwihishe inyuma y'itegeko rihana ibyaha bishingiye kuri jenoside. Turanasaba ko hahagarikwa uburyo bwose bukoreshwa mu kutubangamira nk'Abarokotse, mutubuza kwibuka abacu twabuze muri jenoside n'amateka yabo ndetse n'aya jenoside yabadutwaye uko bikwiye kandi mu bwisanzure. Kwibuka byagombye kuba umwanya wo kuzirikana no guha icyubahiro abacu twabuze, nta we utuvundira cyangwa uduha amabwiriza tugenderaho n'ubuhamya bwo gutanga.

Ibi bibazo byose turabikubira mu ngingo zikurikira :

1) Imyaka ibaye 30 igihe kibanziriza gato cyangwa kijyana no kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi kirangwa n'ubwicanyi bwibasira ku buryo bw'umwihariko Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, cyane cyane abafitiye abandi akamaro kanini, byaba mu rwego rw'ubukungu, urw'ubumenyi, urw'ubuhanzi, n'izindi. Ibi bituma Abarokotse twitegura kandi tukaba mu cyunamo cy'abacu twabuze muri Jenoside yakorewe Abatutsi turi mu bindi byunamo by'abacu bishwe n'ubutegetsi muyoboye. Abishwe cyangwa ababurishijwe irengero muri ubwo buryo ni benshi cyane ariko tubibutse bake muri bo twabuze muri iyi myaka icumi ishize :

- Gérard Niyomugabo Nyamihirwe (yaburiwe irengero ku wa 4 Mata 2014)
- John Ndagijimana (yishwe ku wa 4 Kamena 2014, yasanzwe afite ibikomere mu mutwe)
- Richard Mazimpaka (yishwe ku wa 3 Ukuboza 2014, ubwicanyi bwiswe ko yiyahuye)

- Assinapol Rwigara (yishwe ku wa 4 Gashyantare 2015, ubwicanyi bwiswe impanuka yo mu muhanda, abe baratotejwe bikomeye, bamburwa ibyabo, ibindi birasenywa, umwe mu bana be azira Rutunguranye)
- Major Dieudonné Kayitare (yarashimuswe, yicwa ku wa 14 Gashyantare 2015)

- Dr. Emmanuel Gasakure (yishwe ku wa 25 Gashyantare 2015, yarashwe n'inzego z'umutekano zari zimufite mu maboko yazo)
- Padiri Dominique Karekezi (yishwe ku wa 10 Kanama 2015)

- Dr. Naason Munyandamutsa (yazize Rutunguranye ku wa 11 Werurwe 2016)
- Padiri Augustin Musada (yazize Rutunguranye ku wa 31 Werurwe 2016)
- Gaspard Gasasira (yazize Rutunguranye ku wa 7 Nzeri 2016)
- Jean de Dieu Mucyo (yishwe ku wa 3 Ukwakira 2016, habeshywa ko yagize impanuka akagwa)
- Vénuste Rwabukamba (yishwe ku wa 10 Ukwakira 2016, yarashwe amasasu menshi, asangwa amaboko azirikiye inyuma ariko habeshywa ko yirashe)
- Bertin Makuza (yazize Rutunguranye ku wa 3 Ugushyingo 2016)
- Muyenzi Fideli Tadeyo (yaburiwe irengero kuva ku wa 26 Ukuboza 2016)

- Christine Ilibagiza (yishwe anigishijwe umugozi ku wa 13 Mata 2017)

- Chief Superintendent of Police Hubert Gashagaza (yishwe anizwe ku wa 18 Nzeri 2018)

- Caporal Mwiseneza Jean-Paul (yishwe aciwe umutwe ku wa 10 Kamena 2019)

- Kizito Mihigo (yiciwe muri cachot ya police ku wa 17 Gashyantare 2020, ubwicanyi bwiswe kwiyahura)
- Dr. Pierre Claver Kayumba (yazize Rutunguranye ku wa 23 Ugushyingo 2020)

- Innocent Bahati (yaburiwe irengero kuva ku wa 7 Gashyantare 2021)
- Georges Rutayisire (yishwe anizwe ku wa 10 Gashyantare 2021)
- Jean de Dieu Twiringiyimana (yishwe arashwe n'abasirikare ku wa 13 Mata 2021)
- Innocente Mukamunana (mushiki wa Jean de Dieu Twiringiyimana, yaburiwe irengero kuva ku wa 6 Gicurasi 2021)
- Cassien Ntamuhanga (yaburiwe irengero nyuma yo gushimutwa ku wa 23 Gicurasi 2021)

- Madeleine Mujawayezu (yishwe anizwe ku wa 30 Werurwe 2023)
- Prudence Rutayisire Cyusa (yishwe ku wa 11 Mata 2023, ubwicanyi bwiswe impanuka yo mu muhanda)
- Anne Rwigara (umukobwa wa Nyakwigendera Assinapol Rwigara, yazize Rutunguranye ku wa 28 Ukuboza 2023)

Aba, kimwe n'abandi benshi batari kuri iyi lisiti, bishwe urw'agashinyaguro hakoreshejwe uburyo butandukanye burimo kuraswa, kunigwa, guterwa ibyuma, kurogwa, n'ubundi, cyangwa baburishijwe irengero. Igihe cyose twasabye iperereza ryigenga, twebwe ubwacu cyangwa abo mu miryango yiciwe, twaratotejwe ku buryo butandukanye, duterwa ubwoba, bamwe bamburwa ibyabo cyangwa birasenywa. Kuri bamwe, inzego z'umutekano zahimbye abo zishyiraho ibi byaha nabo zihita zibica, zibyita ko ngo bagerageza gutoroka cyangwa kuzirwanya, aho kubashyikiriza ubutabera ngo bakurikiranwe ku byaha baba baregwa. Ibindi bihe, inzego z'umutekano zatangaje ko abishe bafite igihunga batajyanwa mu nkiko.

2) Iyicwa ry'abacu ryagiye kandi riherekezwa n'ubundi bugizi bwa nabi bw'ubwoko bwinshi:

a) Mu bihe byo kwibuka cyangwa bishyira kwibuka, Abarokotse barahutazwa, amatungo yabo agatemwa, imyaka mu mirima yabo ikangizwa, bakibasirwa mu ngo zabo baterwa amabuye cyangwa baterwa ubwoba mu bundi buryo butandukanye. Kuba nta ngamba zifatwa ngo ibikorwa nk'ibi bicike, hakaba hashize imyaka 30 byisubiramo buri mwaka, bituma duhamya ko ubutegetsi bubiri inyuma cyangwa se nibura bubikingira ikibaba.

b) Aho gukoreshwa mu kurenganura abarengana, inzego z'ubutabera zikoreshwa mu gutoteza Abarokotse zibasiragiza mu manza z'amahugu abambura ibyabo cyangwa zibatotereza aho bafungiye. Urugero ni umubyeyi witwa Eugénie Nyirankundabanyanga wafunzwe amezi icumi, nyuma yo guhimbirwa kugira uruhare muri jenoside yakorewe Abatutsi kandi ahubwo yarayirokotse. Ibi byaha bihimbano byashingiye ku mpapuro zirangiza urubanza rutigeze rubaho

zacuriwe muri CNLG. Iri totezwa hakoreshejwe ubucamanza nta kindi ryari rigamije uretse kumutwara isambu ye.

3) Bimaze gusa n'ibimenyerwa ko uvuze icyo atekereza ku butegetsi bwa FPR agerekwaho ibyaha bishingiye kuri jenoside birimo kuyihakana, kuyiha ishingiro, kuyipfobya cyangwa kugira ingengabitekerezo yayo. Ibi byaha koko bibaho kandi ni ibyo kwamagana no gukurikiranwa aho bibonetse hose ariko mu gihe cyo kwibuka usanga byagizwe intwaro yo guhutaza abo ubutegetsi bushaka guhutaza no guteranya Abarokotse. IGICUMBI twamagana kandi tuzahora twamagana ugukoresha jenoside mu rwego rwo kurenganya uwo ari we wese.

Aha twibutse ko hari nibura batatu muri bagenzi bacu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi (Bwana Déogratias Mushayidi, Madame Yvonne Idamange Iryamugwiza na Bwana Aimable Karasira Uzaramba) bafunze bararezwe ibyaha bishingiye ku guhakana, gupfobya, guha ishingiro cyangwa kugira ingendabitekerezo ya jenoside. Bafunzwe kandi nabi ku buryo bwihariye bushobora kubaviramo gupfa igihe icyo ari cyo cyose. Icyo bazize nyakuri ni ukuvuga ibyaha ubutegetsi cyangwa ingabo zari iza FPR bakoreye ababo cyangwa abandi, cyangwa se kwamagana imibereho mibi Abarokotse barimo mu gihe itegekonshinga riteganya ko Leta ifite mu nshingano zayo "kwita ku mibereho y'abatishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi" (Ingingo ya 50 y'Itegekonshinga rya Repubulika y'u Rwanda). Twibutse kandi ko Abarokotse batigeze bahabwa indishyi ku byaha bakorewe, ahubwo n'iyo bavuze ikibazo cy'indishyi bacecekeshwa batotezwa, baterwa ubwoba.

4) Mu gihe cyo kwibuka, Abarokotse bashyirirwaho gahunda zo kwibuka haba mu byerekeye amasaha, insanganyamatsiko ndetse n'ingamba n'imirongo rusange igenga kwibuka buri mwaka. Abarokotse nta bwisanzure bagira bwo gutanga ubuhamya bushingiye ku mateka nyakuri babayemo, ahubwo kenshi bategekwa ibyo bavuga cyangwa bakongererwamo ibisingiza FPR, ubutegetsi bwayo n'ingabo zari izayo, ugasanga kwibuka ababo byahindutse kwibuka intambara y'Inkotanyi no gusingiza ubutegetsi bwa FPR.

5) Mu gihe cyo kwibuka hari ubwo urubuga ruhabwa abakoze jenoside mu cyitwa ngo kugaragaza amateka ya jenoside ngo kuko ari bo bayazi neza. Ingaruka z'ibikorwa nk'ibi ziba guhahamura kurushaho Abarokotse n'ubundi baba basanzwe bafite intege nke. Hari abakoze jenoside, ndetse bamwe bahamijwe icyo cyaha n'inkiko ariko bakaba bidegembya kuko banywanye n'ubutegetsi bwa FPR kubera ko babuyobotse, bakabusingiza, usanga bafashe imyanya y'icyubahiro mu mihango yo kwibuka, bicaranye n'abayobozi b'inzego zitandukanye. Ibi na byo bihahamura Abarokotse kandi bikabasuzuguza, ndetse bigasuzuguza n'abo bibukwa ndetse n'igikorwa cyo kubibuka ubwacyo.

6) Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi ubutegetsi bwa FPR bwababibyemo umwiryane kugirango bubigarurire bubagire igikoresho cy'icengezamatwara rya politiki yayo. Iyo bigeze mu gihe cyo kwibuka, aho kugirango bifatanye, bafatane mu nda, bibuke ababo mu cyubahiro gikwiye, usanga ahubwo batotezanya, bahatwa cyangwa batoterezwa kugira abo bibukana n'abo baheza.

Ibi byose twavuze haruguru ni bimwe mu bibazo by'ingutu bifite ingaruka zikomeye kandi z'ubwoko bwinshi ku mibereho y'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi biterwa n'ubutegetsi bwa FPR. Nk'Abarokotse bitubuza gutera imbere no kwikura mu ngorane twatewe n'amateka ya jenoside, bitubuza kwibuka abacu n'umutima utuje, bitubibamo umwiryane ndetse bikaduteranya n'abandi Banyarwanda ubutegetsi bwa FPR burenganya bwitwaje amateka yacu n'abacu.

Nk'uko mu GICUMBI duherutse kubitangaza, ubwo ku itariki ya 17 Gashyantare twibukaga aba bose twarokokanye ariko ubutegetsi bwa FPR bwaje kwica, amahano ubwo butegetsi budukorera akomeza kandi akongerera ubukana ingaruka twasigiwe na jenoside twakorewe. Iyo mwishe ab'ingenzi bakadufashije kwikura muri izo ngorane, muba mutije umurindi imigambi abatwishe muri jenoside bari bafite. Batwicaga bahereye ku b'ingenzi, kugirango n'uzarokoka

azabeho nabi cyangwa azapfe kubera kubura kivurira. Ayo mahano kandi ari ku rwego ruteye inkeke ku buryo uretse ibihe by'intambara twemeza ko nta yindi ngoma yigeze idukorera amahano nk'ayo.

Ni yo mpamvu dusaba ko ibi byose bihagarara, uburenganzira bwacu nk'abantu, nk'abenegihugu, nk'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bukubahirizwa uko bikwiye. Turongera kandi gusaba, nk'uko twabikoze inshuro nyinshi, ko abavandimwe bacu Déogratias Mushayidi, Yvonne Idamange Iryamugwiza, Aimable Karasira Uzaramba bafungiwe amaherere arimo kugerekwaho ibyaha bishingiye kuri jenoside na bo ubwabo barokotse kandi bakayiburiramo benshi mu babo barekurwa nta yandi mananiza.

Ishyizweho umukono na:

Dr. Philippe Basabose, Perezida

Igicumbi – Voix des Rescapés du génocide contre les Tutsi, AISBL

Bimenyeshejwe :

1) Nyakubahwa António Guterres, Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye
2) Nyakubahwa Alessandro Chiocchetti, Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Ubumwe bw'u Bulayi
3) Nyakubahwa Roberta Metsola, Perezida w'Inteko y'Umuryango w'Ubumwe bw'u Bulayi
4) Nyakubahwa Joseph Biden, Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika
5) Nyakubahwa Mike Johnson, Perezida wa House of Representatives ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika
6) Nyakubahwa Penny Mordaunt, Lord President of the Council and Leader of the UK House of Commons
7) Nyakubahwa Justin Trudeau, Minisitiri w'Intebe wa Canada
8) Nyakubahwa Emmanuel Macron, Perezida wa Repubulika y'u Bufaransa
9) Nyakubahwa Alexander De Croo, Minisitiri w'Intebe w'u Bubiligi
10) Nyakubahwa Olaf Scholz, Umukuru wa Guverinoma y'u Budage
11) Nyakubahwa Greg Fergus, Perezida w'Inteko y'Abadepite, Canada
12) Nyakubahwa Yaël Braun-Pivet, Perezida w'Inteko y'Abadepite y'u Bufaransa
13) Nyakubahwa Martin Bosma, Perezida w'Inteko y'Abadepite y'u Buholandi
14) Nyakubahwa Éric Nussbaumer, Perezida w'Inteko y'Abadepite y'u Busuwisi
15) Nyakubahwa Éliane Tillieux, Perezida w'Inteko y'Abadepite y'u Bubiligi

16) Nyakubahwa Patricia Scotland KC, Umunyamabanga Mukuru wa Commonwealth Human Rights Initiative
17) Nyakubahwa Anthony J. Blinken, Umunyamabanga wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika
18) Nyakubahwa Mélanie Joly, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Canada
19) Nyakubahwa Linda Thomas-Greenfield, Ambasaderi wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Muryango w'Abibumbye
20) Nyakubahwa Mohamed Ould Ghazouani, Perezida w'Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika
21) Nyakubahwa Volker Türk, Intumwa Nkuru y'Umuryango w'Abibumbye ushinzwe Uburenganzira bw'ikiremwamuntu
22) Nyakubahwa Filippo Grandi, Intumwa Nkuru y'Umuryango w'Abibumbye ushinzwe Impunzi
23) Mme Tirana Hassan, Umuyobozi w'agateganyo wa Human Rights Watch
24) Dr. Agnès Callamard, Umunyamabanga Mukuru wa Amnesty International
25) Nyakubahwa Lou Correa, Perezida wa Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ya Tom Lantos
26) Nyakubahwa Peter M. Mathuki, Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Afurika y'Uburasirazuba
27) Mme Alice Mogwe, Perezida w'Umuryango Mpuzamahanga w'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu (FIDH)
28) Nyakubahwa Rémy Ngoy Lumbu, Perezida wa African Commission for People's and Human Rights.